PRO-FEMMES/TWESE HAMWE

NORWEGIAN PEOPLE'S AID

TUMENYE UBURENGANZIRA BW'UMUGABO N'UMUGORE

KU BUTAKA MU RWANDA



Kigali, Kamena, 2015

IJAMBO RY'IBANZE

Impuzamiryango Pro-Femmes/Twese Hamwe inejejwe no kubagezaho imfashanyigisho « **Tumenye uburenganzira bw'umugabo n'umugore ku butaka mu Rwanda »**. Iyi mfashanyigisho yakozwe hifashishijwe Itegeko nº43/2013 ryo kuwa 16 Kamena 2013, rigenga ubutaka mu Rwanda nandi mategeko aganisha k'uburinganire bw'umugore n'umugabo n'umwana w'umukobwa n'uwu muhungu k'umutungo mu Rwanda.

Iyi mfashanyigisho ikaba yarateguwe hagamijwe kongera imyumvire ku bijyanye n'uburenganzira bw'abatunze ubutaka babufiteho by'umwihariko, uburenganzira bw'umugore ku butaka, bwaba ubw'aho yashatse, aho yavutse cyangwa se n'ahandi hose yaba abukomora mu buryo bwemewe n'amategeko.

Igikorwa nk'iki cyo kumenyekanisha uburenganzira bw'abagabo n'abagore ku butaka kikaba kigamije guhesha umugore ijambo mu gufata ibyemezo mu muryango we cyane cyane ku burenganzira ku butaka, haba mu kububyaza umusaruro cyangwa se kubufataho ikindi cyemezo icyo ari cyo cyose kigamije kwiteza imbere, guteza imbere umuryango we ndetse n'Iguhugu muri rusange.

Impuzamiryango Pro- Femmes/Twese Hamwe irashimira byimazeyo umufatanyabikorwa « Norvegina People's Aid » watanze uburyo n'ubushobozi bwo gushyira ahagaragara iyi mfashanyigisho. Iranashimira kandi uruhare rwa buri wese mu gutegura no gutanga ibitekerezo mu itegurwa ry'iyi mfashanyigisho.

Pro-Femmes/Twese Hamwe irasaba abafatanyabikorwa bose ko bazakoresha iyi mfashanyigisho mu kumenyekanisha uburenganzira bw'umugabo n'umugore kubutaka no kuburengera. Bityo ubutaka bugakoreshwa mw'iterambere r'yumuryango hubahirijwe ihame r'uburinganire.

KANAKUZE Jeanne d'Arc
Umuyobozi w'Impuzamiryango Pro-Femmes /Twese Hamwe

INTANGIRIRO

Nk'uko biteganywa n'Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo ku wa 4 Kamena 2003, bumwe mu burenganzira abantu bemererwa n'amategeko, harimo n'ubwo kugira no gutunga ubutaka. Ingingo ya 30 y'itegeko Nshinga isobanura ko umutungo bwite w'ubutaka n'ubundi burenganzira ku butaka bitangwa na Leta. Ni muri urwo rwego hagiyeho Itegeko nº43/2013 ryo kuwa 16/06/2013, rigenga ubutaka mu Rwanda.

Iri tegeko rigena uburyo bwo gutanga, kubona, guhererekanya, gukoresha no gucunga ubutaka mu Rwanda. Iri tegeko rishyiraho kandi amahame akurikizwa ku burenganzira bwemewe ku butaka bwose buri mu Rwanda, kimwe n'ibindi byose bifatanye nabwo, byaba ari ibya kamere cyangwa se ari ibyakozwe n'abantu.

Iyi mfashanyigisho "**Tumenye uburenganzira bw'umugabo n'umugore ku butaka mu Rwanda**" ikaba igamije kumvikanisha no kumenyekanisha uburenganzira bw'abanyarwanda muri rusange ku butaka, by'umwihariko ubw'abagore kugira ngo babugire ho uburenganzira busesuye, haba ku mikoreshereze no ku micungire yabwo.

Iyi mfashanyigisho yateguwe hashingiwe cyane cyane ku Itegeko nº43/2013 ryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda. Hanifashishijwe kandi n'andi mategeko atandukanye ashyira mu bikorwa ihame ry'uburinganire bw'umugabo n'umugore. Ayo mategeko akaba ari aya akurikira: Itegeko nº22/99 ryo ku wa 12/11/1999 ryerekeranye n'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ndetse n'Itegeko nº 59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 ryerekeranye no gukumira no guhana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina ndetse n'Amateka (Arretés) atandukanye avuga ku byerekeranye n'ubutaka mu Rwanda.

UMUTWE WA I: INGINGO RUSANGE

Uyu mutwe uragaragaza ibisobanuro by'amagambo akoreshwa mu mategeko yifashishijwe hakorwa iyi mfashanyigisho kugira ngo arusheho kumvikana neza.

Igika cya I: Ibisobanuro by'amwe mu magambo akoreshwa

1. **Ihuzwa ry'imikoreshereze y'ubutaka**: uburyo bwo kwegeranya amasambu kugirango ubutaka bwayo butunganywe bukoreshwe ku buryo bumwe kandi buboneye, mu rwego rwo kububyaza umusaruro utubutse kurushaho.
2. **Imitungire y'ubutaka**: uburyo ubutaka butuwemo n'ababufite bijyanye n'uburenganzira n'inshingano n'ibitemewe gukorwa n'umuntu utunze ubwo butaka.
3. **Ihuzwa ry'imikoreshereze y'ubutaka**: uburyo bwo kwegeranya amasambu kugirango ubutaka bwayo butunganywe bukoreshwe ku buryo bumwe kandi buboneye, mu rwego rwo kububyaza umusaruro utubutse kurushaho.
4. **Imitungire y'ubutaka**: uburyo ubutaka butuwemo n'ababufite bijyanye n'uburenganzira n'inshingano n'ibitemewe gukorwa n'umuntu utunze ubwo butaka.
5. **Impano**: ukwegurira burundu undi muntu uburenganzira busesuye ku mutungo w'ubutaka bwawe cyangwa ufitiye uburenganzira.
6. **Kuragizwa ubutaka:** uguhabwa ku buryo bw'agateganyo uburenganzira ku butaka bw'undi muntu bikozwe na Leta mu gihe usanzwe ukodesha ubutaka cyangwa afite inkondabutaka atubahirije amabwiriza n'inshingano ze zo kubukoresha.
7. **Kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange:** kwimura abantu ku butaka bari bafite kubera inyungu rusange hakurikijwe amategeko abigenga kandi habanje gutangwa indishyi ikwiye.
8. **Ubukode burambye:** amasezerano y'igihe kirekire Leta igirana n'umuntu kugira ngo akoreshe ubutaka anasarure ibibukomokamo, ariko akanayishyura igiciro bemeranijwe.
9. **Uburenganzira ku butaka:** ubutavogerwa ku mutungo w'ubutaka bufitwe n'umuntu bwerekeranye no kububona, kubutunga no kubukodesha mu bwisanzure, mu gihe ibibukorerwaho bitabangamira uburenganzira bw'abandi.
10. **Inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bukomoka ku miterere y'ahantu:** uburenganzira umuntu agira ku butaka butari ubwe bitewe n'aho buherereye n'uko hifashe. Ubwo burenganzira butangwa n'itegeko cyangwa bugatangwa ku bwumvikane bw'abo bireba.
11. **Ubuyobozi bubifitiye ububasha:** urwego rumwe cyangwa nyinshi zifite ububasha buteganywa n'amategeko.
12. **Ukwatira:** amasezerano umutu ufite ubukode agirana n'undi akamwemerera gukoresha ubutaka bwe amaze kumuha icyatamurima bumvikanyeho.
13. **Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka:** umukozi wa Leta wabiherewe ububasha ushinzwe kubika no guhuza n'igihe inyandiko n'urutonde rukubiyemo uburenganzira bw'ubutaka bwanditse.
14. **Umukode:** urwego rutunze ubutaka bukodeshwa. Muri iri tegeko ni Leta, Ibigo bya Leta n'inzego z'ibanze.
15. **Urupapurompamo rw'ubutaka:** inyandiko igaragaza uburenganzira umuntu afite ku butaka, bushingiye ku mategeko yanditse kandi itangwa n'ubuyobozi bubifitiye ububasha.

Urwo rupapuro rukoreshwa ku masezerano y' ubukode burambye kimwe no ku nkondabutaka cyangwa se ubundi buryo bwemewe bugaragaza uburenganzira ku butaka.

16. **Ihohoterwa rishingiye ku gitsina rikorewe ku mutungo :** igikorwa icyo ari cyo cyose gikorerwa umuntu kigamije kumuvutsa uburenganzira bwe ku mutungo, harimo n'uw'ubutaka kubera ko ari uw'igitsina gore cyangwa se uw'igitsina gabo.
17. **Isaranganya:** Ni uburyo abavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka bari batunze mbere yo guhunga kubera impamvu za politiki mu bihe bitandukanye kugeza 1994 bagabana ku buryo bungana nabo basanze mu butaka bwari ubwabo aho batahukiye nyuma ya 1994.
18. **Ishyingirwa:** amasezerano umugabo n'umugore bafite imyaka y'ubukure bagirana yo kubana nk'umugabo n'umugore kandi bakanumvikana ku buryo bw'imicungire y'umutungo wabo; bwaba ivangamutungo rusange, ivangamutungo w'umuhahano cyangwa se ivanguramutungo risesuye. Ayo masezerano agakorerwa imbere y'umwanditsi w'irangamimerere.
19. **Ingwate:** Ni uburyo umuntu atangaho umutungo we muri Banki cyangwa se ahandi hantu agamije kubona inguzanyo y'amafaranga. Uwo mutungo ukaba wagurishwa iyo uwahawe inguzanyo atishyuye ku gihe nk'uko biteganywa n'amategeko agenga ingwate. Ariko mu gihe yishyuye umwenda wose, nyir'ubutaka agasburina ubutaka bwe.

Igika cya II: Uburenganzira bufatwa nk'amahame remezo agenga ubutaka

1. Ubutaka ni umurage rusange

Ubutaka buri mu mutungo rusange w'abanyarwanda bose, abakurambere, abariho ubu ndetse n'abazavuka mu gihe kiri imbere. Niyo mpamvu Leta ari yo yonyine ifite ububasha bw'ikirenga mu gucunga ubutaka bwose buherereye mu mbibi z'igihugu. Leta akaba ari yo ifite uburenganzira bwo kubukoresha ku mpamvu z'inyungu rusange hagamije iterambere rirambye.

Ubwo burenganzira Leta ibukoresha mu kubutanga ndetse no kubukodesha. Leta yonyine akaba ariyo ifite uburenganzira bwo kwimura abantu mu mpamvu z'inyungu rusange.

2. Uburenganzira bungana ku butaka

Kubona cyangwa se gutunga ubutaka ni uburenganzira ntakuka bwa buri wese. Ivangura iryo ari ryo ryose, ryaba irishingiye ku gitsina cyangwa se ku nkomoko ku kubona no kugira uburenganzira ku butaka rirabujijwe.

Bityo, uburenganzira ku butaka bw'umugabo n'umugore bashyingiranywe byemewe n'amategeko buterwa n'uburyo bw'imicungire y'umutungo bahisemo.

Ku bashyingiranywe ivangamutungo rusange, umugabo n'umugore bahana uburenganzira ku mutungo wabo wose aho uva ukagera, waba uwo bari bafite mbere yo gushyingirwa cyangwa uwo bazahaha babana kandi bakawugiraho uburenganzira bungana ku buryo nta gikorwa na kimwe cyakorwa kuri uwo mutungo nta bwumvikane bwa bombi bubayeho.

Abashyingiranywe ivangamutungo muhahano bahana uburenganzira ku mutungo bazabona uhereye ku gihe basezeraniye ho kubana, bakagiragira uburenganzira bungana ku cyemezo cyose kireba cyangwa gifatwa ku mutungo.

Naho abashyingiranwa ivanguramutungo risesuye, buri wese amenya umutungo we, harimo n'uw'ubutaka, ndetse akanamenya n'inshingano ziwureba, ariko bagahurira ku nshingano zo gutunga urugo no kurangiza inshingano z'indi zireba urugo rwabo.

3. Uburenganzira ku masezerano y'ubukode burambye

Umuntu wese utunze ubutaka yemerewe kubutunga ku buryo bw'amasezerano y'ubukode burambye aba yagiranye na Leta nk'uko amategeko abiteganya. Ubwo buryo bw'ubukode bukaba butangwa hatitawe ku buryo ubutunze yabubonyemo, byaba ku buryo bw'umuco, yarabuguze cyangwa se yarabuhawe n'urwego rubifitiye ububasha ari rwo Leta yonyine.

Ubukode burambye butangwa gusa kugira ngo ubuhawe akoreshe ubutaka mu bikorwa by'ubuhinzi n'ubworozi, bityo akanasarura ibibukomokaho kandi akanishyura umukode igiciro bemeranijweho.

3. Uburenganzira ku nkondabutaka

Umunyarwanda wese yemerewe guhabwa uburenganzira bwa burundu bwo gutunga ubutaka bugenewe gutura, inganda, ubucuruzi, imibereho myiza, umuco cyangwa ibikorwa by'ubumenyi. Ubu burenganzira butangwa gusa ku butaka buriho inyubako n'ubuzikikije bukenewe kugira ngo ibyo bikorwa bishoboke gukorwa.

Cyakora, ubona inkondabutaka ku bantu bafatanyije ubutaka, sosiyete y'ubucuruzi, umuryango cyangwa ishyirahahamwe rifite ubuzima gatozi bisaba ko nibura imigabane ingana na mirongo itanu na rimwe ku ijana (51%) yose hamwe iba ari iy'abanyarwanda. Ibi ntibireba ubutaka bwagenewe ahantu hihariye mu by'ubukungu.

Icyitonderwa

Uburenganganzira ku nkondabutaka butangwa gusa ku buso butarengeje hegitari eshanu (Ha 5). Icyakora kurenza izo hegitari eshanu (Ha 5) bishoboka gusa iyo Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano abitangiye uruhushya ashingiye ku mpamvu zemewe z'usaba inkondabutaka.

UMUTWE WA II: AMATSINDA Y'UBUTAKA MU RWANDA

Uyu mutwe uragaragaza amatsinda y'ubutaka mu Rwanda. Hariho ubutaka bwo mu mujyi n'ubwo mu cyaro ndetse n'ubutaka bw'umuntu ku giti cye n'ubutaka bwa Leta.

Igika cya I: Ubutaka bwo mu mujyi n'ubutaka bwo mu cyaro

Nk'uko biteganywa n'Itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda, ubutaka bwo mu mujyi ni ubutaka buri mu mbago z'umujyi zishyirwaho n'Iteka rya Perezida. Naho ubutaka bwose busigaye ni ubutaka bwo mu cyaro. Iteka rya Perezida rigena kandi ubundi butaka bufatwa nk'ubutaka bwo mu mujyi.

Igika cya II: Ubutaka bw'umuntu ku giti cye n'ubutaka bwa leta

2.1.Ubutaka bw'umuntu ku giti cye

Ubutaka bw'umuntu ku giti cye ni ubutaka atunze yabonye bikurikije umuco cyangwa se yarabuhawe ku buryo bukurikije amategeko yanditse. Ubu butaka umuntu (yaba umugore cyangwa se umugabo) akaba abutunze ashobora kugaragaza ko ari ubwo yahawe n'ubuyobozi bubifitiye ububasha, ubwo yaguze, yahaweho impano, ingurane, umurage, yabonye kubera izungura, umunani n'isaranganya.

Itegeko risigasira ndetse rikarengera ku buryo bungana uburenganzira bwa buri wese ku butaka butunzwe biciye mu buryo no mu nzira zose zavuzwe haruguru.

2.2.Ubutaka bwa Leta

Ubu butaka bugizwe n'ubutaka buri mu umutungo rusange wa Leta no mu mutungo bwite wayo, ubw'ibigo byayo n'ubw'inzego z'ibanze, bwaba mu mutungo rusange cyangwa se umutungo bwite wabyo.

Leta kandi ishobora kwegurira ikigo cyayo cyangwa inzego z'ibanze ubutaka bukajya mu mutungo rusange cyangwa se mu mutungo bwite.

Ibigo bya Leta n'inzego z'ibanze bishobora kubona ubutaka bibuguze cyangwa se bubuhawe n'abantu ku giti cyabo cyangwa se ishyirahamwe bukajya mu mutungo rusange cyangwa se bwite wabyo.

A. Ubutaka bwa Leta n'ubw'Inzego z'ibanze buri mu mutungo rusange

Ni ubutaka bwose bugenewe gukoreshwa n'abantu bose cyangwa se ubutaka bugenewe gukorerwa ho n'inzego za Leta kimwe n'ubutaka bw'igihugu bukomye mu rwego rwo kurinda ibidukikije.

Mu butaka buri mu mutungo rusange harimo: ubutaka buriho ibiyaga n'imigezi, inkombe z'ibiyaga, ubutaka buriho amasoko n'amariba, ubutaka buriho amashyamba kimeza na za parike,

ibishanga bikomye, ibirwa, imihanda ya Leta ihuza ibihugu, ubutaka bukorerwa ho inzego za Leta, ubutaka buriho inzibutso n'amarimbi by'abantu bazize jenoside.

Naho mu butaka buri mu mutungo rusange w'inzego z'ibanze harimo: ubutaka buriho ibikorawaremezo by'inzego z'ibanze, imihanda y'uturere n'Umujyi wa Kigali, uduhanda two mu cyaro duhuza uturere n'ubutaka bw'amarimbi rusange.

B. Ubutaka bwa Leta n'ubw'Inzego z'Ibanze buri mu mutungo bwite

Ubu butaka bugizwe n'ubutaka bwose butari mu butaka bugenewe ibikorwa rusange n'ibikorwa remezo, ubutaka butari ubw'ibigo bya Leta n'ubw'Inzego z'ibanze hamwe n'ubutaka butari ubw'abantu ku giti cyabo.

Ubwo butaka bugizwe n'indeka, inkungu, ubutaka bwambuwe abari babufite, ubutaka Leta yaguze cyangwa se yahawe cyangwa se yimuyeho abantu ku mpamvu z'inyungu rusange, ibishanga bidakomye, ubutaka buriho amashyamba ya Leta, ubutaka buriho amarimbi yihariye.

Icyitonderwa

Ubutaka buri mu mutungo rusange wa Leta, Ibigo n'Inzego zayo ntibushobora guhabwa abantu ku giti cyabo uko byagenda kose keretse ubwo butaka bubanje gushyirwa mu mutungo bwite wa Leta, uw'Ibigo byayo cyangwa uw'Inzego z'Ibanze kandi nabwo bikozwe mu nzira ziteganywa n'amategeko, byaba biciye mu Itegeko cyangwa se mu Iteka rya Minisitiri ubifitiye ububasha ahabwa n'Itegeko rigenga ubutaka bitewe n'ubwo ari bwo.

Ubutaka buri mu mutungo bwite wa Leta, ibigo byayo cyangwa inzego zayo bushobora kwegurirwa abantu ku giti cyabo, ariko bitewe n'uko abo bantu bavukijwe uburenganzira ku butaka bari batunze kubera amateka y'ubuhunzi ku mpamvu za politiki abanyanrwanda banyuzemo kugeza mu 1994. Itanga ry'ubu butaka bwite bwa Leta buhabwa ababyemererwa n'Itegeko bikaba bikorwa gusa na Leta n'inzego zayo hamaze kugaragazwa ko umuntu ubuhabwa yujuje ibisabwa n'amategeko.

UMUTWE WA III: IMICUNGIRE N'IMIKORESHEREZE Y'UBUTAKA

Uyu mutwe urasobanura uburyo butandukanye bw'imicungire y'ubutaka ndetse ukanagaragaza uburyo bw'imikoreshereze yabwo.

Igika cya I: Gutanga, guhabwa no gukodesha ubutaka

Uburenganzira bwose ku butaka butangwa na Leta biciye mu masezerano y'ubukode burambye igirana na nyir'ubutaka.

Nk'uko biteganywa n' Iteka rya Perezida nº30/01 ryo ku wa 29/06/2007 rigena imyaka nyakuri y'ubukode bw'ubutaka, abatunze ubutaka bose bagirana na Leta amasezerano y'ubukode burambye bw'igihe kiri hagati y'imyaka itatu (3) na mirongo icyenda n'icyenda (99) ariko icyo gihe kikaba gishobora kongerwa. Umubare w'iyi myaka ukaba ugenwa hakurukijwe icyo ubwo butaka bugenewe gukoreshwa.

Iri teka rikaba riteganya ko umubare nyakuri w'imyaka y'ubukode bw'ubutaka bw'abantu ku giti cyabo ari imyaka mirongo icyenda n'icyenda (99).

Iryo Teka kandi riteganya ko ubundi butaka buri mu mutungo bwite wa Leta, uw'umujyi wa Kigali n'Uturere (ku bice byashyizwe mu Mijyi) bukodeshwa ku buryo bukurikira hakurikijwe aho buherereye hashingiwe no ku cyo bwagenewe gukoreshwa:

1. Ubutaka bwagenewe ubuhinzi n'ubworozi, ubugenewe ubukerarugendo cyangwa ubugenewe guterwaho amashyamba buhabwa ubukode bw'imyaka mirongo ine n'icyenda (49);
2. Ubutaka bwagenewe kubakwaho inganda, inyubako z'ubukungu n'ubucuruzi, iz'imibereho myiza y'abaturage cyangwa iz'umuco n'iz'ubumenyi buhabwa ubukode bw'imyaka mirongo itatu (30);
3. Ubutaka bwite bw'Akarere bugenewe inyubako zo guturamo, ibikorwa bigenewe ahantu haherereye buhabwa ubukode bungana n'imyaka makumyabiri (20);
4. Ubutaka bugenewe ibikorwa by'uburobyi bihabwa ubukode bungana n'imyaka cumi n'itanu (15)

Iyi myaka y'ubukode ishobora kongerwa bisabwe na nyira bwo. Ku butaka bwo mu cyiciro cya 2 n'icya 3, bene bwo bashobora guhabwa impapurompamo zibumwegurira atagombye gutegereza ko igihe cy'ubukode kirangira iyo yabisabye kandi akaba yujuje ibisabwa n'amategeko yerekeranye n'iyandikisha ry'ubutaka.

Icyitonderwa

Kwemeza ko ubutaka bwatanzweho uburenganzira ubwo ari bwo bwose bigaragazwa n'icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka gitangwa n'Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka. Akaba ari yo mpamvu, mu gihe icyemezo cy'iyandikisha ry'ubutaka gitakaye cyangwa se cyangiritse, Umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka niwe utanga ikigisimbura.

Igika cya II: Uburyo bwo guhererekanya ubutaka

I: Guhererererekanya uburenganzira ku butaka ku buryo bwa burundu

Ubutaka bushobora guhererekanywa ku buryo bwa burundu mu buryo bukurikira : Impano, izungura, umurage, umunani, isaranganya, igurishwa, ingurane, imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe n'igabana ry'umutungo w'ababanaga batarashyingiranywe.

A. Uburyo bw'Impano

Ni uburyo umuntu cyangwa abantu bafata icyemezo cyo guha undi ku mutungo wabo, harimo n'uw'ubutaka, bivuye ku bushake bw'utanga kandi uhawe nawe akabyemera nta kiguzi atanze. Iyo ubutaka ari ubw'umugabo n'umugore bashyingiranywe, ni ngombwa ko umugore n'umugabo bagaragaza ko habayeho ubwumvikane bwabo kuri ku mpano ikozwe kandi ikaba itanarenze n'imbibi ziteganywa n'itegeko.

B. Uburyo bw'Izungura

Ni uburyo bwo guhabwa uburenganzira n'inshingano mu mutungo w'ubutaka wa ba nyakwigendera. Izungura rishobora gukorerwa umuntu uwo ari we wese ubyemererwa n'amategeko, nta vangura hagati y'umugabo cyangwa umugore cyangwa hagati y'umwana w'umukobwa n'uw'umuhungu.

C. Uburyo bw'Isaranganya

Ni uburyo abavukijwe uburenganzira bwabo ku butaka bari batunze mbere yo guhunga kubera impamvu za politiki mu bihe bitandukanye kugeza 1994 babubona bagabana ku buryo bungana n'abo basanze mu butaka bwari ubwabo aho batahukiye nyuma ya 1994. Iryo saranganya rikaba ryarakorewe abantu bose bujuje ibisabwa nta vangura rishingiye ku gitsina.

D. Uburyo bw'Umunani

Muri ubu buryo, ubutaka buva ku babyeyi mu gihe bagenera umutungo abana babo bageze igihe cyo gushinga urugo rwabo, bakabubakira babagenera umutungo cyangwa imitungo runaka kugira ngo iyo mitungo ibafashe gutangira urugo rwabo. By'umwihariko, ubu umukobwa afite uburenganzira bwo guhabwa umunani ku butaka kimwe na musaza we nk'uko itegeko ry'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, impano n'izungura ribiteganya.

E. Uburyo bw'Ingurane

Ni uguhinduranya umutungo n'undi muntu ku bwumvikane nta kindi kiguzi. Urugero nk'igihe umuntu yimuwe ku butaka bwe ku mpamvu z'inyungu rusange ariko urwego rumwimuye rukagenera uwimuwe ubundi butaka bungana n'ubwo yari afite ndetse n'agaciro k'ibintu bye byari ku butaka bwe.

F. Uburyo bw'Umurage

Muri ubu uburyo, nyir'ubutaka agaragaza icyerekezo cy'umutungo we, harimo n'ubutaka, ariko uwuhawe akawegukana ari uko nyira wo amaze gupfa. Ariko iyo umurage ukozwe n'umwe mu babyeyi, undi nawe agomba kubyemera ndetse bikanashimangirwa nawe nyuma y'uko uwaraze apfuye. Uwo murage ukaba wakorerwa uwo ari we wese, yaba uw'igitsina gore cyangwa se uw'igitsina gabo.



Nkuko bigaragara muri iyi shusho, ababyeyi bombi bagiye inama yu kuraga abana babo, ntavangura rishingiye kugitsina.

G. Uburyo bw'igurisha

Ni uburyo bwo kwikuraho umutungo w'ubutaka cyangwa se uburenganzira ku butaka biturutse ku masezerano y'ubugure hagati y'ugura n'ugurisha hubahirijwe amategeko agenga igurisha ry'imitungo itimukanwa.

F. Uburyo bw'ishingirwa

Mu gihe cy'ishyingirwa, bitewe n'uburyo bw'imicungire y'umutungo iteganywa n'amategeko, abashyingiranywe hagati yabo bahererekanya uburenganzira ku mutungo harimo n'uwubutaka iyo basezeranye kuvanga umutungo wabo cyangwa bahuriyeho hashingiwe ku masezerano y'imicungire y'umutungo bahisemo nk'uko babyemererwa n'Itegeko.

Icyitonderwa

Ku byerekeranye n'umutungo w'ubutaka bw'umugabo n'umugore bashyingiranywe, gutanga uburenganzira bwose ku butaka nko kugurisha, kugurana, kugwatiriza, gutanga umunani, umurage, kugabira, kwatisha, ingurane; bigomba gukorwa ku bwumvikane bw'umugabo n'umugore bwagaragajwe mu buryo bw'inyandiko imbere y'umukozi w'ibiro by'ubutaka mu gihe cy'ihererekanya ry'ubwo burenganzira.

G. Uburyo bw'Igabana ry'umutungo w'ababanaga batarashyingiranywe

Nk'uko biteganywa n'Itegeko nº59/2008 ryo ku wa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa rishingiye ku gitsina mu ngingo yaryo ya 39, mu gihe umwe mu babanaga nk'umugabo n'umugore batarasezeranye kandi bari bafatanyije cyangwa bahuriye ku mutungo afashe icyemezo cyo gushyingiranwa n'undi muntu utari uwo babanaga babanza kugabana ku buryo bungana umutungo bari bafatanyije cyangwa se bahuriyeho.

Kugira ngo iri gabana rishobore kubaho ni uko abo bagiye kugabana, buri wese yaba umugabo cyangwa se umugore agomba kugaragaza uburyo cyangwa se uruhare rwe kuri uwo mutungo ugabanywa bahuriyeho cyangwa basangiye.

II. Guhererekanya uburenganzira ku butaka by'igihe kizwi

Muri ubu buryo, nyir'ubutaka atanga uburenganzira ku butaka bwe mu gihe cyumvikanyweho hagati y'utanga n'uhabwa ariko ubutaka bugakomeza kuba ubwa nyira bwo. Ubwo buryo ni ubu bukurikira:

2.1. Uburyo bw'Ingwate

Ni uburyo umuntu atangaho umutungo w'ubutaka muri banki/ibigo by'imari cyangwa se ahandi hantu agamije kubona inguzanyo y'amafaranga aba akeneye kugira ngo yiteze imbere cyangwa se yongere agaciro k'umutungo we. Iyo ingwate itangwa n'umwe mu bashyingiranywe, yaba umugabo cyangwa umugore, bagomba kuba babyemeranijweho.

2.2. Uburyo bw'iyatisha(kwatira)/ikodesha

Ni amasezerano umuntu ufite ubukode burambye agirana n'undi bemeranywa gukoresha ubutaka bwe, abubyaza umusaruro kandi amaze kumwishyura icyatamurima mu gihe no mu buryo babyumvikanyeho bombi. Iyo abatira abandi ubutaka ari umugore n'umugabo bashyingiranywe bagomba kuba babyumvikanyeho kandi niba iyatisha ringana cyangwa rirenze imyaka itanu (imyaka 5) rigomba kwandikwa ku mpapurompamo z'ubutaka.

Iyo kwatisha bikozwe n'uhagaraiye umwana, iyatisha ntirigomba kurenza imyaka itanu (imyaka 5). Ibi bikaba ari nako bigenda iyo umutungo watishwa ari uw'mwana

Icyo cyatamurima gishobora kuba amafaranga cyangwa igipimo cy'imyaka isaruwe muri ubwo butaka kandi cyumvikanyeho n'impande zombi.

Ku mitungo y'amazu, ubukode bwayo nabwo bwafatwa nk'iyatisha, gusa ubukode bwo bwishyurwa mu mafaranga gusa.

Icyitonderwa

Muri ubu buryo bwose bw'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka bumaze kuvugwa haruguru, iyo rikozwe n'uhagarariye umuryango rigomba kubanza kwemezwa n'abanditse ku mpapurompamo z'ubutaka. Umuntu udafite ububasha ahabwa n'amategeko ahagararirwa muri

iryo hererekanya n'uwabiherewe ububasha n'amategeko. Urugero nk'umwana utarageza ku myaka y'ubukure ahagararirwa n'ababyeyi be.

Ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka rikorerwa imbere y'Umukozi ushinzwe ubutaka kugirango bizandukurwe ku mpapurompamo z'ubutaka cyangwa zigahindurwa niba ihererekanya ritanga uburenganzira bwa burundu.

Ibi bireba ubutaka bw'umuntu ku giti cye cyangwa ubw'abantu bishyize hamwe bahuje ubutaka, baba umugabo n'umugore cyangwa se ishyirahamwe rifite ubuzima gatozi, banditse ku mpapurompamo z'ubutaka.

Igika cya III: Imikoreshereze n'imicungire y'ubutaka

Imicungire y'ubutaka ku rwego rw'igihugu ikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga igenamigambi n'imikoreshereze y'ubutaka mu Rwanda.

Bityo, ubukode bw'ubutaka bwose n'ihererekanya ry'uburenganzira ku butaka bigomba gukurikiza ibishushanyombonera by'imikoreshereze y'ubutaka by'aho ubwo butaka buherereye.

Imikoreshereze y'ubutaka ijyana kandi n'inshingano abubutunze bahabwa n'amategeko. Izo nshingano zikaba zigamije kubungabunga ubutaka no guharanira ko ubutaka abantu batunze babukoresha neza kandi mu nyungu rusange.

Ni muri urwo rwego, abantu bose batunze ubutaka bagamije kubukoresha mu bijyanye n'ubuhinzi n'ubworozi batemerewe kubugabanyamo ibice mu gihe kubera iryo gabanya haboneka mo igice cyangwa ibice byaba bifite ubuso buri munsi ya hegitari imwe (**ha 1**).

Ahubwo abatunze ubutaka buramutse bugabanyijwe, ku mpamvu izo ari zo zose, hakabonekamo ibice biri munsi ya hegitari imwe (ha 1), amategeko abategeka ko bene ubwo butaka babutunga babukoreshereza hamwe, ibivuyemo bikagabanywa ababusangiye.

Icyitonderwa

Abasangiye bene ubu butaka babukoreshereza hamwe, bagomba no kuba babufitiye icyemezo kimwe cy'impapurompamo, ababusangiye bose bacyanditse ho.

Mu gihe bibaye ngombwa ko umwe mu basangiye ubwo butaka ashaka gukuramo umugabane we burundu, uwo mutungo uragurishwa wose bakagabana amafaranga avuyemo.

Igika cya iv: Inzego zishinzwe imicungire n'imitungayirize y'ubutaka

1. **Urwego rw'Igihugu**

Nk'uko biteganywa n'itegeko rigenga ubutaka mu Rwanda, kwandika ubutaka, gutanga impapurompamo zabwo, gucunga imikoreshereze yabwo, gutunganya ibipimo by'ubutaka

n’amakarita bikorwa n’urwego rw’Igihugu rubifite mu nshingano. Urwo rwego rukaba rubarizwa mu Kigo cy’Iguhugu gishinzwe umutungo kamere, Ibiro bishizwe ubutaka.

2. Urwego rw’Akarere

Kuri buri karere hashyizweho ibiro by’ubutaka ndetse hateganywa n’uburyo bw’imikoranire n’izindi nzego zifite ubutaka mu nshingano zazo. Ibyo biro bikaba bigizwe n’Umukuru w’ibiro by’ubutaka n’undi mukozi ufite ububasha nkubwa Noteri. Abo bakozi nibo bahura n’abaturage mu bijyanye n’ihererekanyary’uburenganzira ku butaka.

Aba bakozi bahabwa amategeko mu buryo bwa tekinike n’urwego rw’igihugu rushinzwe iyandika ry’ubutaka, ibipimo n’amakuru y’ubutaka.

UMUTWE WA IV: UBURENGANZIRA N'INSHINGANO KU BUTAKA

Uyu mutwe uragaraza uburenganzira n'inshingano by'abatunze ubutaka nk'uko biteganywa n'amategeko.

Igika cya I: Uburenganzira bw'abatunze ubutaka

1. Uburenganzira busesuye bwo gukoresha ubutaka

Umuntu wese utunze ubutaka abufiteho uburenganzira busesuye bwo kubukoresha uko ashaka hakurikijwe amategeko ari ho ajyanye n'iby'ubutaka. Leta yonyine niyo itanga uburenganzira bwo gutunga ubutaka mu mudendezo kandi ikanarinda nyira bwo kubwamburwa ku bw'amaherere cyeretse gusa mu gihe cyo kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange. Uburenganzira abatunze ubutaka bafite bukaba bwashyirwa mu byiciro bitatu bikurikira:

I. Kubukoresha nka nyira bwo hagamijwe imibereho ya buri munsi;
II. Kubwikuraho burundu cyangwa se kuburundura ;
III. Kububyaza umusaruro hagamijwe inyungu;

I. **Kubukoresha nka nyira bwo hagamijwe imibereho ya buri munsi**

Ubu burenganzira ni bwo twakwita ko ari uburenganzira bw'ibanze abatunze ubutaka baba babutungiye. Ni nk'ubuhinzi bw'imyaka yo kubatunga, ubw'amashyamba yo gukuramo ibicanwa no kubakisha; ubworozi, kubwubakaho amazu yo gutura mo, ayo kororeramo amatungo, ayo gukoreraho ibikorwa by'imibereho myiza cyangwa se ibikorwa by'umuco.

II. **Kubwikuraho cyangwa kuburundura bugurishijwe**

Ubundi burenganzira utunze cyangwa se abatunze ubutaka bafite harimo no kuba babwikuraho, cyaba igice cyabwo cyangwa se bwose biturutse ku bushake bwabo. Ubutaka bw'umuntu ku giti cye bushobora kumuvaho burundu ku mpamvu zikurikira:

a. **Impamvu z'ubugiraneza cyangwa ku bushake bwe:** nk'impano cyangwa kugabira umuntu, umurage n'ingurane.
b. **Impamvu ziteganywa n'amategeko** nk'izungura, umunani, imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, igabana ry'umutungo ku babanaga batarashyingiranywe mu gihe umwe muri bo afashe icyemezo cyo gushyingiranwa n'undi, isaranganya no kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange habanje gutangwa indishyi ikwiye.
c. **Impamvu yo kwikenura/kurangiza ibibazo** nko kugurisha umuntu agamje kwikenura, igurisha riturutse ku cyemezo cy'urukiko nyuma y'urubanza rwabaye itegeko rukarangizwa.

Icyitonderwa: Iyo undi muntu ashyize ibikorwa cyangwa inyubako ku butaka bw'undi muntu, atabanje kubimusabira uburenganzira nyir'ubutaka yemerewe gusaba uwashyize ibikorwa ku butaka ubwe kubivanaho ndetse nyir'ubutaka ashobora gusaba n'impozamarira cyangwa se indishyi mu gihe hari ibikorwa bye byangijwe.

III. Kububyaza umusaruro hagamijwe inyungu

Utunze cyangwa se abatunze ubutaka bashobora kubukoresha babutangaho ingwate mu bigo by'imari kugirango babone amafaranga yo kwikenura cyangwa se kwiteza imbere mu by'ubukungu.

Iyo umutungo (ubutaka) utanzwe ho ingwate, uyitanze ntashobore kwishyura inguzanyo ku gihe nk'uko biteganywa n'amasezerano, iyo ngwate iragurishwa, ariko iyo inguzanyo y'ishyuwe, nyir'ubutaka asuburina ubutaka bwe.

2. Uburenganzira ku mutungo kamere

Uburenganzira ku butaka burimo amabuye y'agaciro na kariyeri ni ubw'umuntu ugaragaza ko yabubonye ku buryo bwemewe n'amategeko. Amabuye y'agaciro na kariyeri zagenwe gutyo n'amategeko ni umutungo wa Leta.

Igika cya II: Inshingano ku butaka

Abatunze ubutaka nk'abagiranye amasezerano y'ubukode na Leta, hari inshingano bakomora kuri ayo masezerano bagomba kubahiriza. Amategeko agenga iby'ubutaka rero yagaragaje izo nshingano kugira ngo abo bireba bajye bayubahiriza uko bikwiye.

1. Inshingano yo kwandikisha ubutaka

Kwandikisha ubutaka ku muntu wese ubutunze ni itegeko, ubutunze cyangwa se ababutunze bafite inshingano yo kubwandikisha hakurikijwe uko amategeko abiteganya.



Iyo nshingano rero ikaba ishyirwa mu bikorwa na nyir'ukubona ubutaka, n'undi wese ufite uburenganzira ku butaka. Ubutunze agararagariza umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka cyangwa umwungirije amasezerano cyangwa indi nyandiko igaragaza aho ubwo butaka cyangwa uburenganzira ku butaka bukomoka. Iyo ari umutungo w'umugabo n'umugore bashyingiranywe, bombi bagomba kuba babyumvikanyeho kandi bikagaragazwa n'imikono yabo mu nyandiko y'amasezerano.

Icyitonderwa : Mu gihe umugabo n'umugore basezeranye bumwe mu buryo bw'imicungire y'umutungo w'abashyingiranywe, umwe muri bo cyangwa bombi bafite ubutaka, bagomba gusaba ko umubitsi w'impapurompamo z'ubutaka cyangwa umwungirije ahita ahindura urupapurompamo rw'ubutaka rw'uwo bwari bwanditseho mbere y'ishyingirwa hakongerwa ho uwo bashyingiranywe. Haba hari undi umutungo w'ubutaka w'undi baguze nawo ukabandikwaho bombi.

2. Inshingano yo kubungabunga no gukoresha neza ubutaka

Umuntu wese utunze ubutaka afite inshingano yo kubukoresha neza. Iyo mikoreshereze myiza ikaba igomba kuba yongerera agaciro ubutaka hashingiwe ku miterere yabwo n'aho buherereye kandi akanabubyaza umusaruro. Iyi nshingano ikaba itegeka umuntu utunze ubutaka ko yabukoresha yiteza imbere biturutse ku mikoreshereze myiza y'ubutaka bwe, mu buryo buteganijwe n'amategeko agenga ubutaka mu Rwanda.

Gukoresha neza ubutaka bikaba bijyana cyane cyane no kuburinda isuri, abubyaza umusaruro ku buryo ubuso bukoreshwa butajya munsi ya ½ cy'ubuso umuntu atunze cyangwa se ngo nyir'ubutaka abe atakoresheje ubutaka bwe bugenewe inyubako mu gihe yari yabisabiye.

Iyi nshingano kandi inareba umuntu wese ukoresha ubutaka butari ubwe kubera ko yabutijwe cyangwa yabukodesheje.

Icyitonderwa : Ubutaka bwitwa ko bufashwe neza kandi ko bubyazwa umusaruro ni ubutaka bwatunganyijwe buriho ibihingwa cyangwa inyubako, uburiho amashyamba, ubuhinge bwateguriwe guterwamo imyaka, ubutaka bumaze gusarurwamo imyaka bwarajwe mu gihe kitarenze imyaka itatu (3), ubumaze gusarurwamo imyaka, kimwe n'inzuri abantu baragiramo umubare ukwiriye w'amatungo haba ku giti cyabo, haba mu mashyirahamwe cyangwa se imiryango ifite ubuzima gatozi.

3. Inshingano yo kutabangamira imirimo y'ikuzimu no mu kirere

Umuntu wese utunze ubutaka afite inshingano yo kutabangamira imirimo ikorerwa mu kuzimu cyangwa mu kirere kiri hejuru y'ubutaka bwe mu gihe iyo mirimo igamije inyungu rusange. Urugero nk'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa se ibikorwa by'ikwirakwiza ry'amashanyarazi aciye mu kirere.

Icyakora mu gihe iyo mirimo ibangamiye cyangwa se itera igihombo nyir'ubutaka agomba guhabwa indishyi ikwiye n'urwego rukora iyo mirimo imubangamiye cyangwa se imuteza igihombo.

4. Inshingano yo gutanga inzira ku butaka bw'undi bukomoka ku miterere y'ahantu

Nyir'ubutaka ashobora kubona ubutaka bwe burimo iriba ry'amazi kamere akenerwa n'abandi bantu, yaba abaturanyi cyangwa se abandi bantu bakenera gukoresha iryo riba.

Iyo nshingano akaba agomba kuyubahiriza mu gihe no ku mpamvu zikurikira:

- Mu gihe ari inzira y'amaguru igera mu kw'abandi kandi nta handi uyikeneye yanyura adaciye ku butaka bw'uwo ugomba gutanga inzira;
- Iyo amazi y'amasoko atemba ku bwa kamere anyura mu butaka bwe, kandi akomeza inzira zayo zigana ku bundi butaka;
- Iyo iriba riri ku butaka bwe rivomwa ho n'abandi baturanyi. Keretse gusa nyir'ubutaka agaragaje ko iriba riri ku butaka bwe ari we waryifukuriye kandi akanagaragaza ko ashoboye kwita ku mazi yifukuriye, ayakumira ku buryo atagera mu kw'abandi.

5. Inshingano yo gutanga umusoro w'ubukode ku butaka

Umuntu wese ufite amasezerano y'ubukode burambye ku butaka, afite inshingano yo gutanga umusoro w'amahoro y'ubukode ku butaka. Uwo musoro ukaba ugenwa n'Iteka rya Perezida bitewe n'imiterere y'ubutaka, icyo bwagenewe n'aho buherereye. Uwo musoro rero ukaba utangwa n'utunze ubutaka cyangwa ababufatanyije ku gihe kigenwa n'amategeko.

Uyu musoro ugenwa n'Inama Njyanama y'Akarere ubutaka buherereyemo hakurikijwe icyo ubutaka bwagenewe.

UMUTWE V: UBUZIME KU KUBONA NO KUBURA UBUTAKA

Uyu mutwe uragaragaza uburyo n'igihe umuntu ashobora kubonamo cyangwa gutakaza uburenganzira ku butaka bitewe n'igihe gishize abukoresha cyangwa se atabukoresha.

Igika cya I: Igihe cy'ubuzime

Igihe cy'ubuzime mu byerekeranye n'ubutaka ni imyaka mirongo itatu (30). Ubuzime bwemezwa n'icyemezo cy'urukiko rubifitiye ububasha.

Igika cya II: Impamvu zitesha ubuzime agaciro

N'ubwo itegeko riteganya igihe cy'ubuzime ko ari imyaka mirongo itatu (30), impamvu zikurikira zituma ubuzime butagira agaciro :

1. **Ubutaka umuntu yihaye akoresheje uburiganya:** Umuntu wihaye ubutaka bw'inkungu cyangwa indeka cyangwa ubw'undi muntu akoresheje uburiganya, ntashobora kwitwaza ubuzime, kabone n'iyo yaba abutunze igihe kirenze imyaka y'ubuzime ivugwa mu ngingo ya 46 y'iri tegeko.
2. **Umutungo watijwe:** Umuntu ukoresha ubutaka bw'undi ku buryo bw'intizo ntashobora kubwegukana yitwaje impamvu z'ubuzime igihe yaba abumaranye cyose. Ubwo butaka bucungwa na Leta hakurikijwe amategeko.
3. **Kutabaho k'ubuzime ku bagize umuryango:** Nta buzime bw'uburenganzira ku butaka bubaho mu bagize umuryango umwe.Umuryango uvugwa muri iyi ngingo ugaragazwa n'uko abazungura basimburana nk'uko biteganywa n'amategeko abigenga.

UMUTWE WA VI: IBIHANO KU BYAHA, IBYEMEZO N'IBYAHA BYO MU RWEGO RW'UBUTEGETSI

Hariho ibyaha bitandukanye byerekeranye n'umutungo w'ubutaka, byaba ibikozwe na ba nyir'ubutaka cyangwa se abo babusangiye ndetse hakaba ho n'ibyaha byo mu rwego rw'ubutegetsi bituruka ku mikoreshereze iba inyuranije n'ibiteganywa n'amategeko agenga ubutaka.

Igika cya I: Ibihano ku byaha bikorewe ku mutungo w'ubutaka

Ubutaka nk'umwe mu mitungo nawo ushobora kuba wakorerwa ho cyangwa wakoreshwa mu gukora ibyaha bitandukanye. Bityo, ibyaha bibangamiye imicungire n'imikoreshereze y'ubutaka, nk'uko biteganyijwe muri iri tegeko, bihanwa hakurikije igitabo cy'amategeko ahana ibyaha.

Urugero rw'ibyaha n'ibihano bikorewe ku mutungo w'umuryango w'abashyingiranywe nk'uko bigaragazwa n'igitabo cy'amategeko ahana ibyaha. Ibyo byaha akaba ari ibikurikira:

1. **Gukoresha umutungo w'urugo bidaturutse ku bwumvikane bw'uwo bashyingiranywe.**

Nk'uko biteganywa n'amategeko, gutanga uburenganzira ubwo ari bwo bwose ku mutungo w'umuryango, by'umwihariko umutungo w'ubutaka, nko kugurisha, gutanga cyangwa kugwatiriza muri banki cyangwa se mu bindi bigo by'imari hakoreshejwe uburiganya, hatabaye ho kubyumvikanho n'uwo bashyingiranywe ni icyaha gihanwa n'amategeko.

Icyo cyaha kikaba gihanishwa igifungo cyo kuva ku mezi atatu (3) ariko kitarenze amezi atandatu (6).

2. **Kwakira umutungo w'abashyingiranywe watanzwe n'umwe mu bashyingiranywe bidaturutse ku bwumvikane bwa bombi.**

Amategeko ateganya ko umuntu wese wakira umutungo, harimo n'uwubutaka, kandi azi neza ko uburyo awubonyemo bidaturutse ku bwumvikane bw'abashyingiranywe nawe amategeko arabimuhanira.

Umuntu ugaragaweho icyo cyaha kandi kikamuhama mu rukiko ahanishwa igifungo kuva ku mezi abiri (2) ariko kitarenza amezi atandatu (6) kandi akanacibwa ihazabu ry'amafaranga y'u Rwanda ava ku bihumbi magana atanu (500.000 Frw) ariko atarenza miliyoni imwe (1.000.000 Frw) cyangwa agahabwa kimwe muri ibyo bihano. Uwo muntu kandi anategekwa gusubiza uwo mutungo cyangwa amafaranga ahwanye n'agaciro kawo.

3. **Kugira uruhare mu ikorwa ry'ibyaha bivugwa haruguru**

Umuntu wagize uruhare mu ikorwa ry'ibyaha byavuzwe haruguru kandi abizi neza nawe amategeko amugenera ibihano ndetse biremereye kurusha ibibanza.

Uwagaragawe n'icyaha cyo kugira uruhare mu itangwa ry'umutungo w'umuryango, harimo n'ubutaka uwo bashyingiranywe atabishaka, nta bwumvikane bwabayeho, ahanishwa igifungo kuva ku mezi atandaku (6) kugeza ku mwaka umwe (1) kandi agacibwa n'ihazabu iva kuri miliyoni imwe (1.000.000 Frw) kugeza kuri miliyoni eshanu (5.000.000 Frw) cyangwa se kimwe muri ibyo bihano.

Igika cya II: Ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Ubutaka abantu batunze bafiteho n'inshingano zo kubukoresha neza hakurikijwe icyo bwatangiwe bitewe n'aho buherereye. Iyo izo nshingano zitubahirijwe, ba nyir'ubutaka bashobora gufatirwa ibyemezo n'inzego zifite mu nshingano gucunga ubutaka.

1. **Gufatira ubutaka by'agateganyo**

Ubutaka bwagenewe ubuhinzi, ubworozi n'amashyamba bwagaragaweho kutitabwaho na bene bwo mu gihe cy'imyaka itatu (3) ikurikirana, kandi bikemezwa na Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze nyuma ya raporo y'ubuyobozi bw'Umurenge n'ubw'Akarere ubwo butaka buherereye mo; bene ubwo butaka bushobora gufatirwa by'agateganyo mu cyemezo cya Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze.

Iryo fatira rimara imyaka 3. Iyo bigaragaye ko ubutaka budakoreshwa kandi ko bishobora guteza umutekano muke, nk'isuri ibuturukaho ikangiriza abaturanyi kubera ko ubwo butaka butarinzwe isuri, Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze ashobora gufata icyemezo cyo gufatira ubwo butaka adategereje igihe cy'imyaka 3.

Ubutaka bwafatiriwe bushobora kuragizwa undi muntu mu gihe uwo muntu abisabye kandi agaragaza ko ashobora kububungabunga no kububyaza umusaruro.

Nanone ubutaka bwo mu mutungo bwite wa leta cyangwa izindi nzego butitawe kandi bigaragara ko bwangirika cyangwa budakoreshwa bushobora guhabw by'agateganyo umuntu ubwifuza ufite ubushake n'ubushobozi bwo kububyaza umusaruro mu gihe kidashobora kurenza imyaka itanu (5). Icyakora urwego rufite uwo mutungo bwite rushobora kubwisubiza kiriya gihe kitarashira ariko rugatanga ingurane yumvikanyweho igenwa hakurikijwe ibikorwa byari biri kuri ubwo butaka.

Icyitonderwa

Iyo ubutaka bwari bwarafatiriwe by'agateganyo, nyirabwo ashobora gusaba gusubizwa ubutaka bwe nyuma y'imyaka 3 bufatiriwe by'agateganyo, hakaba hakwiyongeraho n'indi myaka y'iragizwa ryabwo. Uko gusaba agukora mu nyandiko igenewe urwego rwari rwafashe icyo cyemezo, agaragaza uburyo azabwitaho kandi azanabubyaza umusaruro mu gihe kitarenze umwaka 1.

2. Kwambura ubutaka nyirabwo

Iyo ubutaka bwari bwarafatiriwe busubijwe nyirabwo ariko ntiyubahirize ibyo yari yemeye mu nyandiko isaba kubusubizwa nk'uko biteganywa n'amategeko, ashobora kubwamburwa burundu.

Ubutaka kandi bushobora kwamburwa nyira bwo iyo byaje kugaragara ko bwafatiriwe bukamara imyaka irenze 30 nyirabwo atarasaba kubusubizwa.

Icyotonderwa

Icyemezo cyo kwambura ubutaka bene bwo gifatwa na Minisitiri ufite ubutaka mu nshingano ze cyangwa urundi rwego rufite ububasha ruhabwa n'amategeko. Icyo cyemezo kikaba kigomba kugaragaza imwe mu mpamvu ziteganywa n'amategeko zo kwambura ubutaka nyira bwo.

UMWANZURO

Ubutaka nk'umutungo w'abanyarwanda b'igihe cyashize, ab'ubu n'ab'igihe kizaza bugomba kwitabwaho na buri wese bukabungwabungwa kugira ngo bugirire akamaro bene bwo ndetse n'ab'igihe kizaza. Ni muri urwo rwego rero, umugore nk'umwe mu banyarwanda bagiye bahezwa n'umuco ku burenganzira bwabo, amategeko arimo kumuhesha uburenganzira bwe ku butaka.

Iyi mfashanyigisho "**Tumenye uburenganzira bw'umugore n'umugabo ku butaka mu Rwanda**" ikaba igamije gufasha gusobanukirwa uburenganzira bw'abagore n'abagabo bafite ku butaka mu buryo buteganywa n'amategeko, hatitawe ku nkomoko yabwo, gusa bakaba babutunze mu buryo buteganywa n'amategeko.

Byagaragaye ko ubutaka bushobora gucungwa cyangwa se guhererekanywa ku buryo no mu nzira zitandukanye za ba nyir'ubutaka hagamijwe imibereho ya buri munsi yabo, ibikorwa by'ubugiraneza, kubwikenuza cyangwa se kurangiza izindi nshingano. Ibyo bigakorwa nta vangura rishingiye ku mpamvu iyo ari yose nk'irishingiye ku gitsina.

Kugira ngo ubutaka bugirire abantu benshi akamar, nk'umurage rusange, ababutunze bagomba kubahiriza inshingano ziteganywa n'amategeko zigamije kububyaza umusaruro no kububungabunga mu nyungu za nyira bwo ariko no mu nyungu rusange.

Kumenya uburenganzira n'inshingano z'abatunze ubutaka ikaba ari mwe mu nzira zo kubukoresha ndetse no kububyaza umusaruro uko bikwiye kandi ababutunze bakanasobanukirwa neza uburyo ubutaka bugomba gucungwa no gukoreshwa bitewe n'icyo bwateganyirijwe n'amategeko kugira ngo ihame ry'uko ubutaka ari umutungo rusange ryubahirizwe, nta vangura na rimwe , ryaba irishingiye ku nkomoko no ku gistsina.

Aka gatabo kakaba gafasha kumvikanisha uburenganzira umugore afite ku butaka nk'umunyarwanda kandi akaba yayifashisha mu kurengera uburenganzira bwe mu muryango ndetse no mu gihugu muri rusange ku bijyanye n'ubutaka, hubahirizwa amategeko ariho mu bijyanye n'ubutaka mu Rwanda nk'uko byagaragajwe.

Mu gusoza, Impuzamiryango Pro Femmes/Twese Hamwe ikaba ishishikariza abanyarwanda muri rusange, by'umwihariko abagore, guharanira ko uburenganzira bw'umugore kimwe n'ubw'umugabo ku butaka bwubahirizwa nk'uko amategeko abiteganya kandi hagamijwe iterambere rirambye rya bose.

AMATEGEKO YAKORESHEJWE

- Itegeko Nshinga rya Repubilka y'u Rwanda ryo kuwa 04 Kamena 2003 uko ryavuguruwe kugeza uyu munsi;
- Itegeko nº43/2013 rryo ku wa 16/06/2013 rigenga ubutaka mu Rwanda;
- Itegeko Ngenga nº 01/2012/OL ryo ku wa 02/05/2012 rishyira ho Igitabo cy'Amategeko Ahana;
- Itegeko nº59/2008 ryo kuwa 10/09/2008 rikumira kandi rihana ihohoterwa iryo ari ryo ryose rishingiye ku gitsina;
- Itegeko nº18/2007 ryo kuwa 19/04/2007 ryerekeye kwimura abantu ku mpamvu z'inyungu rusange;
- Itegeko nº22/99 ryo kuwa 12/11/1999 ryuzuza igitabo cya mbere cy'urwunge rw'amategeko mbonezamubano kandi rishyiraho igice cya gatanu cyerekerane n'imicungire y'umutungo w'absahyingiranywe, impano n'izungura;
- Iteka rya Perezida nº30/01 ryo ku wa 29/06/2007 rigena imyaka nyakuri y'ubukode bw'ubutaka;
- Iteka rya Minisitiri nº 001/16.01 ryo kuwa 26/04/2010 rigena uburyo isaranganya ry'amasambu rikorwa.
- Iteka rya Minisitiri nº 002/2008 ryo kuwa 01/04/2008 rigena uburyo iyandikisha ry'ubutaka rikorwa.